# QUR'AN
## NTAGATIFU NI IKI?

Inkoranyabumenyi
[Encyclopedia] ya Qur'an ntagatifu.

Ushobora kuba wasanga ibisobanuro bya Qur'an ntagatifu mu rurimi rwawe, wifashishije iyi Barcode (QR) ukoresheje telefoni yawe.

* Tunejejwe no kwakira ibitekerezo n'inama byanyu mu rwego rwo kuvugurura ibigendanye n'isemura, wabishyira mu kazu kandikwamo ibitekerezo n'inama kari imbere ya buri ruhande rw'umurongo wa Qur'an mu nkoranyabumenyi [Encyclopedia] ya Qur'an ntagatifu

**(www.quranenc.com)**

Uramutse unifuje kutwandikira wakifashisha iyi imeli:
**Info@quranenc.com**



موسوعة القرآن الكريم
QuranEnc.com

**www.islamHouse.com**

كينياروادية

## Ku izina rya Allah, Nyir'impuhwe, Nyir'imbabazi

Qur'an ntagatifu ni amagambo ya Allah Nyagasani w'ibiremwa byose ndetse akaba n'umuremyi wabyo, akaba ari amagambo yamanuriye uwasozereje Intumwa n'abahanuzi ariwe Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kugira ngo asobanurire ibiremwa intego y'iremwa ryabyo, no kugira ngo ibayobore ku bizabaha umunezero ku isi no ku munsi w'Imperuka, no kubarinda umubabaro n'amakuba y'ubuziraherezo ya nyuma yo gupfa, ndetse Qur'an ni nacyo gitabo cya nyuma cyamanuwe mu bitabo byavuye kwa Allah, kikaba cyaraje gushimangira bimwe mu byari muri ibyo bitabo, ndetse kinasimbura amategeko yabonekaga muri ibyo bitabo;

Qur'an ntagatifu kandi ni igitangaza gihoraho, kikaba n'ikimenyetso cy'ubuhanuzi bw'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), Allah yategeye abantu n'amadjini kuzana ikimeze nkayo, cyangwa se byibura kimwe mu bice byayo (Surat) barabinanirwa.

Iyi Qur'an kandi nta kigeze cyongerwamo cyangwa se ngo gihindurwemo, kuva yamanurwa, nyuma y'imyaka irenga igihumbi magana ane imanuwe, ndetse iyi Qur'an izakomeza kurindwa mu rurimi yamanuwemo rw'icyarabu, kubera ko Allah Nyir'ubutagatifu niwe wiyemeje kuzayirinda kuzageza mu gihe cya nyuma.

Qur'an ntagatifu kandi niyo soko nkuru ivomwamo ubuyisilamu, ikaba n'itegeko nshinga riha umurongo ubuzima bw'ikiremwamuntu mu bihe byose ndetse n'ahantu hose, ikaba ihamagarira kugaragira Allah umuremyi wenyine, ikanagaragaza ibyo umuntu acyeneye kugira ngo amenye Nyagasani we ndetse anasobanukirwe idini rye. Qur'an inagaragaza kandi intangiriro y'irema, n'ibyiciro irema ry'umuntu ryanyuzemo, ikanahanura ubumenyi bw'ibitagaragara byaba ibyabayeho cyangwa se ibizabaho, ikanavuga inkuru z'abahanuzi (Amahoro ya Allah ababeho) babayeho, n'uburyo Allah yabatabaye akanoreka abanzi babo. Qur'an ikubiyemo kandi imisingi yo kugaragira Allah (Ibadat) n'imisingi y'imibanire n'imikoranire, ikaba inahamagarira kurangwa n'imico myiza, no kwitandukanya n'imico mibi, ndetse inagaragaza n'iherezo rya byose ku munsi w'imperuka; Ryaba ijuru ryo buturo bw'abemeramana cyangwa se umuriro wo buturo bw'inkozi z'ibibi n'abahakanyi.

No mu bigaragaza agaciro k'iki gitabo gihambaye Allah yamanuye mu rurimi rw'icyarabu, akanategeka ko kigishwa abantu, Yewe musomyi w'umunyacyubahiro tunejejwe no kukugezaho isemura ryacyo mu rurimi rwawe, mu rwego rwo kukworohereza kugisobanukirwa, no gushimangira ko cyagejejwe ku bantu, itsinda ry'abakozi ryagerageje gushyiraho umuhate waryo mu kugisobanukirwa no kugisemura, hamwe no kuba tuzi neza ko uko twagerageza gusemura mu buryo bunononsoye ntabwo twashobora gusobanura mu buryo bwuzuye ibisobanuro bihambaye biri mu gitabo cya Qur'an ntagatifu, bityo rero twatanga inama ko abantu bakiga ururimi rw'icyarabu iyi Qur'an yamanuwemo.

Amahoro ya Allah asakare ku ntumwa ze, ishimwe ikuzo bikwiye Allah Nyagasani w'ibiremwa byose.